

# **AMASENGESHO (ISWALA)**



**Ibifasha kuyobora abayisilamu binjiye  
idini bwa mbere (bashya)**

# AMASENGESHO

## (ISWALA)

**Ibifasha kuyobora abayisilamu binjiye idini bwa  
mbere (bashya)**

Ukwezi kwa mbere 1441 /Nzeri 2019

Uburenganzira burubahirijwe

Cyahanzwe no kwandikwa:



**مركز التعريف بالإسلام**

**Ikigo gitanga kikamenyesha amabwiriza ya  
kiyisiramu cya Kaminuza Nkuru ya Qaboos, Muscat  
Sultanate of Oman  
Telefax. (968) 2450 5170  
www.iicoman.om**



# IBIRIMO

Ijambo ry ibanze .....	1
<i>Ingingo</i> 1. Intangiriro .....	2
<i>Ingingo</i> 2. Isuku (Isuku isabwa mbere yo gusenga) .....	4
▷ Umwanda ugaragara	
▷ Umwanda utagaragara (mbere yo gusenga)	
<i>Ingingo</i> 3. Gukaraba witegura gusenga (gufata uzu) .....	8
▷ Gukaraba witegura gusenga	
▷ Uko wakwitegura gusenga udafite amazi (gutayamamu)	
▷ Ibantu bituma utakaza wuzu (wudhuu)	
<i>Ingingo</i> 4. Amasengesho .....	16
▷ Ubwoko bw amasengesho (isalaa)	
▷ Ni ryali bakwiye gusenga (igihe cyo gusenga)	
▷ Basenga gute?	
▷ Ibantu byica isengesho (isalaa)	
<i>Ingingo</i> 5. Isengesho rya rusange (isalaa ya jamaa) .....	21
<i>Ingingo</i> 6. Ibikorwa bireba abagore. ....	25
<i>Ingingo</i> 7. Kutavuga rumwe ku masengesho hagati y impuguke n amategeko ya Kiyisilamu .....	27
<i>Ingingo</i> 8. Ibikorwa binyuranye n umuco .....	29
<i>Ingingo</i> 9. Ibisabwa mu isengesho (isalaa) .....	35
<i>Ingingo</i> 10. Urutonde rw amagambo .....	46

فَتَوَكَّلْ عَلَى اللَّهِ  
إِنَّمَا تَوَكَّلُ إِلَيْهِ الْجُنُوبُونَ

*Rero izere Nyagasanî; mu byukuri wowe uli mu nzira y  
Ukuri igaragara (Qur'an 27:79)*

# Ijambo ry ibanze

Isengesho (salaa) lifite akamaro kanini mu kuramya kwa kiyisiramu. Intumwa Muhammad (saw)<sup>1</sup> iravuga: “Buli kintu gifite inkingi ni inkingi y idini ni Salaa”. Arongera ati: “Igikorwa cya mbere tuzabarirwa kumunsi w Imperuka ni Isengesho (salaa) ryacu.”<sup>2</sup>

Amasengesho yacu ya buri munsi ni inzira idufasha guhozaho no kwerekeza ibitekerezo byacu kuri ALLAH mu buzima bwacu bwa buli munsi. Ubu bumenyi n ibitekerezo kuri ALLAH nibyo biturinda gecumura, nkuko tubisoma muri Qur'an:

وَأَقِمِ الصَّلَاةَ إِنَّ الْصَّلَاةَ تَنْهَىٰ عَنِ الْفَحْشَاءِ وَالْمُنْكَرِ

*Hagarika isala (hozaho amasengesho) mubyukuri salaa  
ikuba z gukora ibyaha n ibikorwa bidashimisha Allah.  
(Qur'an 29:45)*

Ubwo bumenyi n ibyo bitekerezo kuri ALLAH nibyo bitwibutsa inshingano zacu kuri ALLAH n inshingano zacu ku bindi biremwa muri rusange. Amasengesho afite uburemere kuri byose ni nayo mpamvu kuli buri wese wifuza kuba umuyisilamu asabwa kwiga gusenga (isala) bikaba ariyo nt ego yicyi gitabo kugirango kimwigishe na kimworohereze kimwereke n akamaro k isala ariyo akeneye kugirango yuzuze iy i nshingano ya ngobwa y ikiyisilamu. Uwinjiye idini rya kiyisalamu asabwa kugira ubumenyi bw ikirenga kugirango akurikire amabwiriza yo kuramya mu buyisiramu.

Iki gitabo kirasobanura imigenzo ikorwa mbere yo gutangira isengesho (isala), isala eshano zangombwa (isala za faridha), isala ya Ijumaa (isala ryo ku ijuma) n izindi isala zinyongera arizo bita mu cyarabu Sunnah. Ntabwo bavuze hano izindi isala nka tarawehe y ukwezi kwa Ramadhan, Sala basarira umurambo (salaa ya maita), Salaa basali z iminsi mikuru (Salaa za Idi ebyeri) n izindi sala zibonika mu bitabu binyuranye.

1 Hadithi iyi y Intumwa yanditswe na ar-Rabi'i

2 Hadithi iyi y Intumwa yanditswe na at-Tirmidhi



# Ingingo 1 - Intangiriro

1. Isala ni inkingi ya Kibili mu buyisilamu yategetswe na ALLAH (swt) tubisanga mu mirongo inyuranye ya Qu'ran. Mu ngero zinyuranye ALLAH (swt) atwerekwa muri Qur'an:

فَأَقِيمُوا الصَّلَاةَ إِنَّ الصَّلَاةَ كَانَتْ عَلَى الْمُؤْمِنِينَ كِبَارًا مَوْفُرًا

*Muhagarike isala bibe akamenyero kahoraho. Mu byukuri isala  
ku bemera mana ni itegeko ryashyiriweho igihe cyihariwe.*

*(Qur'an 4:103)*

Intumwa Muhammad (saw)<sup>4</sup> aravuga:

*Ikintu kinyuranya umwemera mana w ukuri nutariwe ni isala,  
kandi n udasali aba aciye ukubili nitegeko rya ALLAH (ari mu  
babangikanyimana).*

*(Yanditswe na Ar-Rabi'i, At-Tirmidhiy, Ahmed, Ibn Majah n abandi)*

2. Isala ni ngombwa kuli buli muyisilamu umaze kuba ingimbi ufite ubwenge buzima ku bagabo no ku bagore Intumwa yImana (saw) iravuga ko umwana iri tegeko ritamureba keretse ageze igihe cy ubugimbi. n umurwayi w ibisazi keretse akize<sup>5</sup>
3. Umuyisilamu agombye gusali isala 5 za faridha (zategetswe) buli munsi kandi ku gihe cyategetswe. (reba inking ya kane ibirebana igihe cya sala).
4. Igihe ushaka gusali, usabwa kuba uba ufite isuku yuzuye (iyo suku bayita Tahara, reba inking ya Kibili ijyanye na Tahara).

3 Mu gihe uvuze izina lya ALLAH turavuga 'Subhanahu wa Ta ala' (swt) bisobanuye 'niwe ukwiye icyubahiro n ubutungane'.

4 Aho dushiyize izina ly Intumwa turavuga 'Salallahu A layhi Wasallam' bisobanuye:indamutso y amahoro isakare kuliwe .

5 Hadithi iyi y Intumwa (saw) yanditswe na Ahmed, Abu Dawud, Ibn Maja n abandi.



5. Mu gihe ubonye ko wujuje isuku (tahara) usabwa gukaraba (gutawaza) kugira ngo ushabore gusali. (reba ingingo ya gatatu irebana na Wudhuu)
6. Mu buyisilamu burigikorwa gihabwa agaciro n icyo wagambiriye (*Niyyah*). Ibi bisaba ko mbere ya buri gikorwa icyari cyo cyose (*Tahara, Wudhuu, na Salaa*) ubigambirira (ushyiraho *Niyyah*) bitewe nicyo ugiye gukora mu mutima wawe kugira ngo wuzuze inshingano zawe imbere ya ALLAH (swt).
7. Isengesho (isala) ikorwa mu rurimi rw icyarabu, kubera ko muri iryo sengesho basoma mo Qur'an ikaba ari icyarabu. Intumwa (saw) igihe yigishwaga gusali na Malayika Jibril (as) yamwigishije mu cyarabu. Gusali mu rundi rurimi rwima agaciro k isala no gukuramo ibantu bya ngombwa isala yihariye.

وَجَاهُوا فِي اللَّهِ حَقَّ جَهَادِهِ هُوَ أَجَبَّكُمْ وَمَا جَعَلَ عَلَيْكُمْ فِي  
الدِّينِ مِنْ حَرَجٍ مَلَّةٌ أَبِيكُمْ إِبْرَاهِيمَ هُوَ سَمَّنَكُمُ الْمُسْلِمِينَ مِنْ  
قَبْلٍ وَفِي هَذَا لَيْكُونُ الرَّسُولُ شَهِيدًا عَلَيْكُمْ وَتَكُونُوْا شُهَدَاءً  
عَلَى النَّاسِ فَأَقِيمُوا الصَّلَاةَ وَأَئْتُوا الزَّكُوْةَ وَأَعْصِمُوا بِاللَّهِ  
هُوَ مَوْلَكُكُمْ فَنِعْمُ الْمَوْلَى وَبِنِعْمَ الْلَّهِ الصَّابِرِ

Nimwigome kandi murusheho kugandukira IMANA kuko ariwe wabaremye, niwe ubaha agaciro, ntabwo yabahaye amananiza mu kwuzuza inshingano y Idini. Ni umurage w igisekuru cya papa wacu Ibrahim. we (Nyagasan) wabise abayisalamu kuva kera no muri (Qur'an) Kdi ababere intangarugeru namwe mubere urugero ku bandi. Muhozeho amasengesho (salaa), mutange amaturo (Zaka) kandi mugandukire Nyagasan. We niwe ubarinda byukuri kandi akabafasha (Qur'an 22:78)



## Ingingo 2 - Isuku (Isuku isabwa mbere yo gusenga)

Mbere yo gusenga (gusali) umuyisilamu asabwa kwisukura umwanda ugaragara hanze n umwanda utagaragara (*Najasa* na *Hadath al-Akbar* mu cyarabu).

Allah (swt) aravuga:

إِنَّ اللَّهَ يُحِبُّ الْتَّوَّابِينَ وَيُحِبُّ الْمُتَطَهِّرِينَ

*Mubyukuri Nyagasan ni akunda abicuza n abiyeza (abisukura).*  
*(Qur'an 2:222)*

Intumwa Muhammad (saw) iravuga:

*Urufunguzo rw isala ni ukwisukura*

*(Yanditswe na at-Tirmidhiy, Abu Dawud na Ibn Majah)*

### 1. Umwanda ugaragara (*Najasa*)

Ibikurikira ni ngombwa ku mubili, imyenda n aho ugiye gusarira, mbere yo gusali.

- a. Inkari; zaba ari iz umuntu cyangwa iz inyamaswa.
- b. Ibyo bitumye (amabyi) yaba ari ay umuntu cyangwa inyamaswa, keretse niba ari ay inyamaswa cyangwa inyon i zategetswe kuribwa n abayisilamu.
- c. Amaraso ay ubwoko ubwali bwo bwose usibye amaraso y ifi nay inyama yavuye bari kuzitegura.
- d. Ibirutsi.
- e. Mu gihe ugaruye ibisa n amazi biba byageze mu nda bigasa nibigaruka.
- f. Amasohoro mu gihe habaye imibonano ndanga-gitsina kubashakanye cyangwa mu gihe wari wasinziriye ukarota cyangwa wikitishije.
- g. Amazi asahoko ku gitsina cy umugabo iyo bali kwitegura imibonano ndanga-gitsina mbere y igikorwa cy abashakanye (mu cyarabu bayita *Madhee*).
- h. Amazi yoroshye asohoka nyuma y inkari (mu cyarabu bayita *Wadée*).



## **Kwisukura umwanda ugaragara (*Najasa*):**

Umwanda wo hanze, iyo uli ku mubili cyangwa ku myambaro ahari hohose usukurwa na amazi. Iyo umwanda watewe n imbwa (inkari, amacandwe cg amabyi yayo) ni ngombwa kuhasukura neza n amazi inchuro zirindwi ni inchuro imwe muri izo ukoresheje umucanga cg icyondo gisukuye. niba hasigaye impumuro nkeya cg ibara byanze gushira ntacyo bitwaye.

## **2. Umwanda utagaragara, (*Hadath al-Akbar*)**

Umuntu aba afite umwanda utagaragara utewe n ibintu bitatu binyuranye:

- a. Iyo habaye imibonano ndanga - gitsina *Janaba*: Nyuma yigikorwa cy abashakanye gusohokwa kwa *Manii* (amasohoro) waba uri maso cg usinziriye.
- b. Iyo umugore ari mu mihangi ya buli kwezi (*Hedhi*).
- c. Iyo umugore ari mu bisanza (amaraso umugore ava nyuma yo kubyara, *Nifaas*). Muri rusange ayo maraso amara iminsi 40.

## **Kwisukura umwanda utagaragara, (*Hadath al-Akbar*)**

Kwisukura umwanda utagaragara ni ukwoga (mu cyarabu yitwa *Ghusul*). Bisaba ko woga umubili wose nk uko bikurikira:

- a. Kugambira k umutima ko ugiye kwisukura bitewe numwanda ufite.
- b. Gerageza kwikanira inkari (ibi bifasha *Manii* yasigaye mu nzira gusohoka).
- c. Oza neza ibice by ibanga kuva ku mukondo kugeza ku mavi nibice byose byakwiriye umwanda.
- d. Vuga ‘*Bismillah*’ (bishatse kuvuga: Kwizina rya Allah).
- e. Shyira *Wudhuu* nk ugiye gusali (reba Ingingo ya Gatatu).
- f. Oza neza umubili wawe wose n amazi guhera hejuru kugeza hasi kandi uhera iburyo, rangiriza ibumoso.



## Ibuntu bya ngombwa birebana na Tahara

- a. Umuntu udafite *Tahara* (udafite isuku) ntashobora gukora ibi bikurikira:
  1. Gusali.
  2. Gusiba (kwiyiriza).
  3. Gufata musahafu (Qur'an) cg kuyisoma.
  4. Kwinjira mu musigitu.
- b. Uwinjiye idini (ubuyisilamu) uwariwe wese asabwa guhita yoga (*Ghusul*).
- c. Niba hali uwashidikanya utazi neza aho umwanda (*Najasa*) uri ku mubili wawe, kugirango wishire amakenga oga umubili wose (*Ghusul*) bityo uraba usukuye umubili wose.



يَأَيُّهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا إِذَا قَمْتُمْ إِلَى الصَّلَاةِ فَاغْسِلُوْا وُجُوهُكُمْ وَأَيْدِيکُمْ إِلَى الْمَرَافِقِ وَامْسَحُوا بِرُءُوسِكُمْ وَأَرْجُلَكُمْ إِلَى الْكَعْبَيْنِ وَإِنْ كُنْتُمْ جُنُبًا فَاطْهَرُوْا وَإِنْ كُنْتُمْ مَرْضَى أَوْ عَلَى سَفَرٍ أَوْ جَاءَ أَحَدٌ مِنْكُمْ مِنَ الْغَابِطِ أَوْ لِمَسْتُمُ النِّسَاءَ فَلَمْ تَجْدُوا مَاءً فَتَمَمُّوْا صَعِيْدا طَيِّبًا فَامْسَحُوا بُوْجُوهِكُمْ وَأَيْدِيکُمْ مِنْهُ مَا يُرِيدُ اللَّهُ لِيَجْعَلَ عَلَيْكُم مِنْ حَرَاجٍ وَلَكِنْ يُرِيدُ لِيُظْهِرَكُمْ وَلِيُتَمَّ نَعْمَةُ اللَّهِ عَلَيْكُمْ لَعَلَّكُمْ تَشْكُرُوْنَ

*Emwe abemeye! Mugihe mugiye gusenga (gusali) mwoze uburanga bwanyu, n amaboko yanyu kugeza mu nkokora ,munasige imitwe yanyu amazi , kandi mwoze n amaguru yanyu kugeza hejuru . Niba ufite umwanda (Janaba) ni mwoge. Kandi niba murwaye cg muri mu rugendo, cg umwe muri mwe avuye mu musarani cg hali uwa huye n umugore we kubera imibonano, mukaba nta amazi mufite, ni mutayamamu mukoresheje ivumbi lisukuye, muhanagura uburanga bwanyu n amaboko yanyu. Nyagasanai wanyu ntakunda ikibarushya, ahubwo ashaka kubeza no kubasendereza inema ze hejuru yanyu kugirango mushimire. (Qur'an 5:6)*

عن أبي هريرة رضي الله عنه أن رسول الله صلى الله عليه وسلم قال: «الصلوات الخمس، والجمعة إلى الجمعة، كفارة لما بينهن، ما لم تغش الكبائر»

**Abu Hurairah (Radhi za Allah zimusakareho) yarasobanuye:**

*Intumwa ya Allah iravuga: Salaa eshano za buri munsi n isala ya Ijuma kugeza Ijuma ikurikira zihanagura ibyaha bitobito by umuja, niba yirinda ibyaha binini.*

**(Byanditswe na Muslim)**



## Ingingo 3 - Gukaraba witegura gusenga (gufata uzu)

Uwali we wese uri *Tahir* asabwa gushyiraho *Wudhuu* mbere yo gusali. Iyi ngingo ilimo ibice bitatu:1. *Wudhuu*, 2. *Tayammum*, na 3. Ibyica *Wudhuu*.

### 1. Gukaraba witegura gusenga (*Wudhuu*)

*Wudhuu* utegura umubili na roho y umuyisilamu kujya imbere ya Allah biciye mu isalaa. Birasaba kwoza zimwe mu ngingo z umubili ukulikiza amabwiriza ya Allah n Intumwa ye (saw). Allah abivuga muri Qur'an:

يَأَيُّهَا الْذِينَ ءَامَنُوا إِذَا قُمْتُمْ إِلَى الصَّلَاةِ فَاغْسِلُوا وُجُوهُكُمْ وَأَيْدِيکُمْ إِلَى الْمَرَافِقِ  
وَامْسَحُوا بِرُءُوسُكُمْ وَأَرْجُلَكُمْ إِلَى الْكَعْبَيْنِ

*Yemwe abemera! Mughe muhagurutse kubera gusali ni mwoze uburanga bwanyu n amaboko yanyu kugera mu nkokora, musige amazi imitwe yanyu kandi mwoze amaguru yanyu kugeza ku bugombamboli. (Qur'an 5:6)*

Intumwa (saw) aravuga:

*Salaa y umuntu udafite Wudhuu ntiyemewe.*

*(Byanditswena Ibn Majah, Abu Dawud n abandi)*

### Batawaza gute (gufata *Wudhuu*)

Mbere ya byose kwemera n umutima ko ugiye kwisukura umwanda wo ku mubili utawaza (gufata *Wudhuu*). Warangiza ukavuga:

بِسْمِ اللَّهِ

*(Bismillah, bisobanura 'Kwizina rya Allah')*

Biragusaba gukurikira ibintu 8 nkuko bisobanurwa ku mpapuro ebyiri zikurikira.





①

Oza ibiganza byawe bibili  
imbere n inyuma inchuro  
eshatu.amazi agomba kugera  
hose no kagati y intoki



②

Ukoreshheje ikiganza cyawe  
cy iburyo voma amazi  
uyashyire mu kanwa use  
n uwinyuguza neza ugeze  
mu muhogo. Bikore incuro  
eshatu.



③

Voma amazi n ikiganza  
cy iburyo uyashyire mu  
mazuru use naho uyakurura  
uko ubishoboye kugirę ngo  
asukure imyobo y izuru.  
Hanagura n ukuboko kw  
ibumoso usa n uwimyira.  
Bikore incuro eshatu.



④

Ukoreshheje ibiganza byawe  
byose, oza uburanga bwawe  
incuro eshatu, geza ku  
gahanga ugere ku kananwa  
ugeze amazi ukoreshheje  
intoki hafi ku matwi.





5

Oza ukuboko kwawe kugeza mu nkokora, no hagati y intoki incuro eshatu. Banza ukuboko kw iburyo ukurikize ukw ibumoso.



6

Hanagura limwe umutwe ukoresheje amaboko yawe abili, ubanziriza imbere ujya inyuma.



7

Hanagura imbere y amatwi yawe ukoresheje intoki zifite amazi, unahanagura inyuma y amatwi ukoresha ibikumwe biliho amazi. bikore incuro imwe.



8

Oza amaguru ugeze ku kangombamboli incuro eshatu, oz̄a neza amazi agere ku gitsintsino no hasi, hagati y amano. Banza ukuguru kw iburyo urangirize ukw ibumoso.



Iyo urangije gufata Wudhuu. Ugira ubu busabe :

أَشْهُدُ أَنْ لَا إِلَهَ إِلَّا اللَّهُ وَأَشْهُدُ أَنَّ مُحَمَّداً رَسُولُ اللَّهِ  
اللَّهُمَّ اجْعَلْنِي مِنَ التَّوَابِينَ وَاجْعَلْنِي مِنَ الْمُتَطَهِّرِينَ

**Ash'hadu an laa ilaha illa Llah wa ash'hadu anna Muhammadan rasuulu Llah. Allahumma j'alni mina ttawwabin wa j'alni mina lmutatahirin.**

*Ndahamya ko nta y indi Mana ikwiye gusengwa byukuri itali Allah kandi na Muhammad akaba ari Intumwa ye. Nyagasanu ndagusabye unshire mu bagaragu bawe bicujije kandi bakiyeza.*

### Ibinyu bya ngobwa muri Wudhuu

- a. Reba neza niba amazi yageze hose ahagomba kwozwa. Gerageza kudasesagura amazi utarenza incuro eshatu.
- b. Wudhuu ntawo iyo watawaje hejuru y imirimbo (makiyaje), ibi bibuza amazi kugera ku ruhu.
- c. Niba umuntu ari kuva amaraso bitewe nigisebe cg se mu mazuru asabwa gufuka ahava amaraso agakomeza gufata Wudhuu we no gusali. Ibi bireba n umugore uva amaraso atali igihe cy imihango y umugore.
- d. Wudhuu ushaka ukoreshe amazi meza asukuye, ay umugezi, amazi y imvura ,amazi y ibiyaga cg inyanja, amazi aturutse ku rubura. Amazi bavanze nikindi kintu nk isabuni, zafarani, indabyo n ibindi ushobora kuyakoresha.
- e. Wudhuu ntiwemewe iyo ukoresheje amazi yanduye cg ikintu cyahinduye uburyohe bwa mazi cg bwahinduye ibara cg se impumuro.



## 2. Uko wakwitegura gusenga udafite amazi (gutayamamu, Tayammum)

*Tayammum* ni inzira ukoresha wisukura najasa, umwanda ugaragara no gufata Wudhuu ukoresha umucanga cg se ivumbi lisukuye. *Tayammum* ukorwa kuri ubu buryo:

- Iyo nta mazi ahali. Allah aravuga muri Qur'an:

وَإِن كُنْتُمْ مَرْضَى أَوْ عَلَى سَفَرٍ أَوْ جَاءَ أَحَدٌ مِّنْكُمْ مِّنَ الْغَ�يْطِ أَوْ لَمْسَتُمُ النِّسَاءَ فَلَمْ تَجِدُوا مَاءً فَتَيَمَّمُوا صَعِيدًا طَيِّبًا فَإِنْسَحُوا بِوُجُوهِكُمْ وَأَيْدِيكُمْ إِنَّ اللَّهَ كَانَ عَفُوا عَفْورًا

*Iyo murwaye, cg muri ku rugendo, cg se umwe muli mwe yavuye mu musarani cg se hali uwahuye n umugore (ku bashakanye) mukaba nta mazi mwabonye, mukoreshe umucanga usukuye, muhanagura uburanga bwanyu n ababoko yanyu. Muby ukuli, Nyagasani arababarira na nyiribambe.*

*(Qur'an 4:43)*

- Kudashobora gukoresha amazi kubera ubukonje bukabije, gutinya kwongera uburwayi cg gutinya ko uburwayi bwatinda gukira.
- Amazi ahali niyo yonyine akenewe kunyobwa.



Mugihe ushaka gutayammam bigambire uvuga *Bismillah* kandi ukurikize ibi bikurikira:

1. Shyira ibiganza byombi ahali umucanga cg ubutaka, kunguta ibiganza byawe nurangiza sa nuhanagura uburanga bwawe limwe nk utawaza.



2. Ongera usa nurambika ibiganza byawe byombi ku ncuro ya Kibili, use nukunguta ukoreshheje ikiganza cy ibumoso hanagura ikiganza cy iburyo imbere n inyuma kugeza ku nkokora n intoki.ongera ukoreshhe ikiganza cy iburyo usa nusiga ukuboko kw ibumoso nkuko wabigenje ku kuboko kw iburyo.



## *Hadithi irebana na Wudhuu*

عَنْ ابْنِ عُمَرَ، عَنِ النَّبِيِّ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ أَنَّهُ قَالَ: مَنْ تَوَضَّأَ عَلَى طُهْرٍ كَتَبَ اللَّهُ لَهُ بِهِ عَشْرَ حَسَنَاتٍ

Ibn Umar yasobanuye ihadithi yIntumwa (saw) avuga: uwali we wese ushyira wudhuu kandi afite Tahara, Allah amwandikira I thawabu (ibihembo) zibikorwa byiza icumi.

(Yanditswe na at-Tirmidhi)

حَدَّثَنَا عَمْرٌ بْنٌ سَعِيدٌ بْنٌ الْعَاصِ، قَالَ كُنْتُ عِنْدَ عُثْمَانَ فَدَعَاهُ بَطْهُورٌ فَقَالَ سَمِعْتُ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ "مَا مِنْ أَمْرٍ يُسْلِمُهُ تَحْضُرُهُ صَلَاةً مَكْتُوبَةً فَيُحْسِنُ وُضُوءَهَا وَخُشُوعَهَا وَرُكُوعَهَا إِلَّا كَانَتْ كَفَارَةً لِمَا قَبْلَهَا مِنَ الذُّنُوبِ مَا لَمْ يُؤْتَ كَبِيرَةً وَذَلِكَ الدَّهْرَ كُلُّهُ".

'Amr ibn Sa id ibn al-As arasobanura: Nari kumwe na Uthman, asaba amazi yo gutawaza aravuga: Narumvishe Intumwa ya Allah (saw) ivuga: iyo igihe kigeze cya Salaa, umuyisilamu uwali we wese agashyira Wudhuu neza nyuma yaho agasenga yicishije bugufi azahanagurwaho ibyaha bye byahise, usibye ibyaha bikomeye; mu gihe cyose. (Yanditswe na Muslim)

رَأَى رَسُولُ اللَّهِ - صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ - رَجُلًا يَتَوَضَّأُ فَقَالَ " لَا شُرِفٌ لَا تُشْرِفْ "

Intumwa ya Allah (saw) yabonye umuntu ari gutawaza iramubwira: ntufushe ubusa amazi, ntufushe ubusa amazi.

(Yanditswe na Ibn Majah)



### **3. Ibintu bituma utakaza wuzu (wudhuu)**

Uwali wewese washize *Wudhuu* aba ari mu bantu bafite isuku y umubili niy umutima mbere ya Allah mu isengesho (*salaa*). Ibikurikira byica isuku kandi bisaba kwongera gushyira *Wudhuu*:

1. Gusohokwa ni icyali cyo cyose mu myanya y ibanga, (inkali, amabyi, imisuzi, intanga cg ububobere ubwali bwo bwose).
2. Ibitotsi bituma utimenya.
3. Gutakaza ubwenge bitewe ni cyali cyo cyose.
4. Gufata imyanya y ibanga ukoresheje akaboko nta Mwenda uliho.
5. Gufata umwanda (*Najasa*: reba ingingo ya 2 -1).
6. Kuva amaraso (reba ibintu bya ngombwa kuri Wudhuu:c).
7. Kuruka cg kuboga.
8. Gukora ibikorwa bitemewe mu buyisilamu nko kuvuga amazimwe, kubeshya, n ibindi bitemewe.




## Ingingo 4 - Amasengesho

Iyi ngingo iciyemo ibice bine: 1. Ubwoko bwa Salaa, 2. Igihe cya Salaa, 3. Uko basali, 4. Ibikorwa byica I Salaa.

### 1. Ubwoko bw amasengesho (isalaa)

Mu isala hali ibikorwa bikurikira:



Guhagarara, kwunama (*Ruku'u*) no kwubama nibyo byita *Raka'a*. Hali isala zinyuranye kandi buli salaa ifite *Raka'a* zinyuranye. Ibikurikira ni urutonde rw isalaa na *Raka'a* zayo.



## Isalaa za ngombwa za buli munsi, (*Faridha*)

	Salaa	Raka‘a
1	Isalaa yo mu bukerera ( <i>Fajr</i> )	2
2	Isalaa yoku manywa ( <i>Dhuhr</i> )	4
3	Isalaa ya nimugoroba ( <i>Asr</i> )	4
4	Isalaa basali bumaze kwira ( <i>Maghrib</i> )	3
5	Isalaa ya nijoro ( <i>Isha</i> )	4
6	Isalaa ya Ijumaa	2

## Isalaa z inyongera (*Sunna*)

	Salaa	Raka‘a
1	Mbere y Isalaa yo mu rukerera ( <i>Alfajiri</i> )	2
2	Nyuma y Isalaa yo ku manywa ( <i>Adhuhuri</i> )	2
3	Nyuma y Isalaa yo kumugoroba ( <i>Magharibi</i> )	2
4	Nyuma y Isalaa ya nijoro ( <i>Isha</i> )	2
5	<i>Al-Witr</i> (nyuma y Isalaa ya Isha)	3

### Amabwiriza:

1. Isalaa ya *Al-Witr* bayi Sali nyuma y Isalaa ya Isha. Ushobora kuyisali igihe aricyo cyose kugeza mu rukerera mbere yo kwinjira igihe cy Isalaa ya *Alfajiri*.
2. Salaa ya Ijumaa bayisali mu mwanya wi Salaa ya *Adhuhuri*. Itegeko kwa buli mugabo utuye aho asalira Ijumaa. Niba atashoboye gusali Salaa ya Ijumaa, ni ngombwa asali *Adhuhuri*. Abagore n abarwayi ntibategetswe gusali Salaa ya Ijuma (basabwa gusali Salaa ya *Adhuhuri*). Salaa ya Ijumaa itangizwa n inyigisho (*Khutba*) nyuma yayo bagasali Raka ebyili za Salaa ya Ijumaa. Ntibayisali keretse ku ijumaa, nyuma yaho ugасали Raka ebyili cg enye za Sunna.
3. Hali uburyo bwinshi bwa Salaa nk urugero Tarawehe mu kwezi gutagatifu kwa Ramadhani, Salaa za Idi ebyili, Salaa ya maiti (umurambo) n izindi. Ibisobanuro birenze byizi Salaa wabisanga mu bindi bitabo byi salaa.



## 2. Ni ryali bakwiye gusenga (igihe cyo gusenga)

Salaa eshano za faridha (ngombwa) za buli munsi ni ngombwa uzisali mu gihe cyazo cyabugenewe.

Isalaa yo mu bukerera ( <i>Fajr</i> )	Kuva kumuseke kugeza igihe izuba lirashe.
Isalaa yoku manywa ( <i>Dhuhr</i> )	Kumanywa mu gihe izuba liba limaze guhindukira ligana aho lirengera,kugeza nyuma ya saa sita.
Isalaa ya nimugoroba ( <i>Asr</i> )	Aho ubona igicucu cy ikintu gisa nikingana nacyo, kugeza igihe izuba rirenga.
Isalaa basali bumaze kwira ( <i>Maghrib</i> )	Nyuma yaho izuba liba limaze kurenga aho ibara ly umutuku w izuba utagihali.
Isalaa ya nijoro ( <i>Isha</i> )	Nyuma yuko izuba lirenga haje umwijima kugeza mu gice cy ijoro.

Igihe cy isala kiramenyeshwa mu misigiti yose. ushobora no kuzisanga kuri za telefoni z ubu zo mu ntoki, ziguha ibihe by isalaa ku isi yose. .

Ibikurikira ni ibihe bitemewe gusalai:

1. Igihe izuba lirasa litaraba umubumbe wuzuye.
2. Igihe izuba lirasira ku mutwe kugeza igihe igicucu cy ikintu cyishushanya aho lirengera.
3. Igihe lirenga ntuwongere kurireba.

Nanone isala ntizemerwa mu bihe bikurikira:

- a. Nyuma ya Salaa ya Alfajiri (mumuseke) kugeza igihe izuba limaze kurasa ligaragara lyose, (keretse I salaa ya maiti (umurambo)).
- b. Nyuma yo gusali Salaa ya Alasiri kugeza igihe izuba lirenga (keretse I salaa ya ngombwa nk I salaa ya maiti).



### **3. Basenga gute?**

Uburyo basali i Salaa za Faridha eshano za buli munsi ni Salaa za Sunna bwasobanuwe mu Ngingo ya cyenda. Salaa zose bazisali berekera *Ka'abah* i Makkah. Uko kwerekera bakwita *Qiblah*. *Qiblah* iraboneka ku isi yose ukoreshje telefoni z' intoki z' ubu.

### **4. Ibantu byica isengesho (isalaa)**

Hali uburyo bubili bushobora kwangiza I Salaa; (a) ibikorwa birebana n ubwenge (ibili ku mutima), (b) Kutuzuza ibikorwa bisabwa mu I Salaa .

#### **A. Ibikorwa birebana n ubwenge.**

1. Guhindura niya (icyo ugambiliye) hagati y i Salaa. Urugero: Guhindura I Salaa aho gusalii *Faridha* ugasali Salaa ya *Sunna*.
2. Gutakaza ubwenge bitewe no gusinzira. Itegeko ryi Salaa lisaba ko ubwenge bwawe buba bukora neza ma gihe uri gusalii.
3. Gutekereza cyane ibantu bitajyanye nisala.



## **B. Kutuzuza ibikorwa bisabwa mwi Salaa.**

1. Kureka ibintu bya ngombwa bikurikira:
  - a. Kugambira icyo ugiye gukora (*Niyya*)
  - b. Igihagararo (*Qiyam*)
  - c. *Takbiratul Ihram* (kuvuga *Allahu Akbar* mu gihe cyo gutangira gusali)
  - d. Kuba umutima wawe nta bitekerezo bindi bili hanze ni sala yawe (*Khushu'u*)
  - e. Gusoma *Suratul Fatiha* (Alhamdu) Raka a zose.
  - f. Kwunama (*Rukuu*)
  - g. Kwubama ugakoza agahanga hasi (*Sujud*)
  - h. Kwicara (*Tashahhud*)
    - i. *At-Taslim* (kuvuga *Assalamu alaykum wa rahmatul Llah urangiza I Salaa)*
2. Kurya cg kunywa mwi Salaa.
3. Kuvuga icyari cyo cyose kidafitanye isano ni Salaa.
4. Gutwenga ubishaka cg guseka ijwi likumvikana.
5. Gukora ibikorwa binyuranye bitali mwi Salaa.
6. Icyali cyo cyose cyica *Wudhuu*.



## Ingingo 5 - Isengesho rya rusange (isalaa ya jamaa)

(*Soma iyi ngingo amaze gusoma Ingingo ya kane n Ingingo ya cyenda*)

### A. Ikinyuranyo hagati y i Salaa ya jamaa ni Salaa y umuntu kugiti cye:

1. Iyo uri gusali wenyine usabwa gukimu Salaa (*Iqama*), nkuko byasobanuwe mu Ingingo ya Cyenda. Mwi salaa ya jamaa, uwatoye adhaana niwe uqimu Salaa kuri bose. (Abagore ntiba qimu Salaa).
2. Iyo uri gusali wenyine, ibyo uvuga byose ubivuga bucece (ijwi ntiryumvikana). Iyo uli gusali jamaa wumva Imamu avuga ibi bikurikira:
  - a. *Allahu Akbar* (*Takbiratul Ihram*), bagitangira i Salaa.
  - b. Gusoma sura ya *Alfatihah* muri *Raka'a* ebyili za mbare (keretse gusa kw'i Salaa ya Adhuhuri na Alasiri kuko izi zisomwa bucece).
  - c. Gusoma sura nyuma ya *Alfatihah* hagati ya *Raka'a* ebyiri za mbere, (kw'i Salaa zisabwa gusoma indi sura).
  - d. ‘*Allahu Akbar*’ igihe uhagaze (*Ruku'u*), muri sujudu, kwicara no guhagarara.
  - e. *Samia'Llahu Liman Hamida* igihe Imamu ahagaze arangije *Ruku'u*.
  - f. ‘*Salaamu Alaykum Warahmatullah*’ mu gihe Imamu arangije i Salaa.

Umuntu usalila nyuma ya Imamu usibiramo bucece ibyo Imamu asoma kuretse gusa igihe asoma Sura (inyuguti’c’) wowe, urumviriza, na (inyuguti’e’) wowe uravuga *Rabbana Walakal Hamd* nyuma yo guhagarara.

3. Mu gihe usali wenyine usoma bucece *Alfatihah* na Sura (mwi Salaa zigomba Sura). Ariko mwi Salaa ya Jamaa urasoma *Alfatihah* bucece (nyuma ya Imamu) kandi urakulikira uko Imamu asoma i Sura.



## **B. Gute wakwinjira Salaa ya jamaa.**

Niba uje gusali Salaa ya Jamaa watinze ugasanga batangiye, ushabora kwinjira ugakomeza nyuma yaho wishyura ibyo wasanze barangije, mu gihe Imamu arangije no kuvuga *Salaamu Alaykum wa Rahmatullah*, ukomereza ho. Ibikulikira ni ingero ebyili yukuntu wakwifatanya na Salaa ya jamaa.

### **Urugero rwa mbere.**

Mwi Salaa ya Isha wasanze Imamu asoma *Alfatihha* muri *Raka'a* ya Kibili. Injira mwi Salaa nk uko bikurikira:

1. Soma *Tawjih*.
2. Vuga *Takbiratul Ihraam*, ‘*Allahu Akbar*’.
3. Vuga ‘*Audhu Billahi Mina Shaytani Rrajim*.’
4. Soma *Alfatihha* ukurikira uko Imamu asoma.
5. Kulikira uko Imamu asoma i Sura nyuma ya *Al-Fatiha*.
6. Kurikira Imamu kugeza arangiza i Salaa.
7. Mu gihe Imamu arangije i Salaa, haguruka ntuvuge ‘*Allahu Akbar*’.
8. Soma *Alfatihha* na *Surah*.
9. Rukuu una sujudu wongere guhaguruka.
10. Aha uraba wageze aho bali bageze winjira mwi Salaa..
11. Subira hasi wicare utavuze ‘*Allahu Akbar*.’
12. Rangiza i Salaa yawe uvuga ‘*As-Salaamu Alykum Warahmatu'llah*’.

### **Urugero rwa Kibili.**

Mu gihe cyi Salaa ya Adhuhuri wasanze Imamu ageze kuri Tahiyatu ya mbere. Komeza nk uko bikurikira:

1. Soma *Tawjih*.
2. Vuga Takbiratul Ihraam, ‘*Allahu Akbar*’.



3. Vuga ‘Audhu Billahi Mina Shaytani Rrajim.’
4. Icara utavuze Allahu Akbar kurikira Imamu kugeza arangiza i Salaa.
5. Imamu aho arangilije i Salaa haguruka utavuga ‘Allahu Akbar’
6. Soma Alfatihha, rukuu, sujudu uhaguruke. (iyi ni Raka’ah ya mbere).
7. Soma AlFatihah, rukuu, usujudu wicare. (iyi ni Raka’ah ya Kibili).
8. Aha uraba wageze aho wali winjiliye Salaa.
9. Niba wali wasomye Tahiyat ya mbere igihe waje usanga basali, rangiza salaa no gutanga Assalam Alaykum wa Rahmatul Lah, niba utigeze gusoma Tahiyat ya mbere isome urangize i Salaa yawe.

Ushobora kwinjira mwi Salaa ya Jamaa ahali ho hose bageze hanyuma nyuma ukuzuza ibyo wasanze birangiye ukoresheje uburyo twasobanuye hejuru. Icyu ngombwa ni ugukomeza no gusali na Imamu kugera aho i Sala irangira nyuma ukishyura ibyo utasali.



## Hadithi zirebana ni Salaa ya jamaa

قَالَ رَسُولُ اللَّهِ صَلَّى اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ  
مَنْ صَلَّى الْعِشَاءَ فِي جَمَاعَةٍ فَكَانَمَا قَامَ نِصْفَ  
اللَّيْلِ وَمَنْ صَلَّى الصُّبْحَ فِي جَمَاعَةٍ فَكَانَمَا صَلَّى  
اللَّيْلَ كُلَّهُ

Intumwa ya Allah iravuga: Uwali we wese wasali Salaa ya Isha Jamaa, nink uwasali mu gicuku. Naho uwasali Jamaa Salaa ya Alfajiri nink uwa Sali ijoro ryose.

(Banditswe na Muslim na at-Tirmidhi)

عَنْ عُثْمَانَ بْنِ عَفَّانَ، قَالَ سَمِعْتُ رَسُولَ اللَّهِ صَلَّى  
اللَّهُ عَلَيْهِ وَسَلَّمَ يَقُولُ « مَنْ تَوَضَّأَ لِلصَّلَاةِ فَأَسْبَغَ  
الْوُضُوءَ ثُمَّ مَشَى إِلَى الصَّلَاةِ الْمُكْتُوبَةِ فَصَلَّاهَا  
مَعَ النَّاسِ أَوْ مَعَ الْجَمَاعَةِ أَوْ فِي الْمَسْجِدِ غَفَرَ اللَّهُ  
لَهُ ذُنُوبَهُ »

Baravuga ko U'thman ibn A'ffan aravuga ko: “yumvise Intumwa ya Allah (saw) ivuga iti: Uwali we wese uzatawadha uko bigomba, akajya gusali Salaa ya Faridha ku musigitu n amaguru agashobora gusali Jamaa, Allah aramubabari ibyaha bye”

(tanditswe na an-Nasa'i)



## Ingingo 6 - Ibikorwa bireba abagore

Ibikorwa bireba *Tahara* na *Salaa* z abagabo niz abagore twabisobanuye mu bice binyuranye muri iki gitabo. Iyi ngingo irasobanura ibikorwa bijyanye n umugare wenyine.

1. Abagore ntibasabwa gusali cg gufunga iyo bali mu mihangya buli kwezi kwabo niyo bamaze kwibaruka keretse bamaze kwisukura.
2. Abagore basabwa kwoga kugira ngo bagire *Tahara* nyuma gusa bamaze kubona ibimenyetso ko amaraso y imihango cg ay ibisanza yakamye, niyo yaba yakamye mbere y igihe asanzwe amara.
3. Umugore iyo amaze gusubira mu gihe cyi *Tahara* ntasabwa kwishyura i *Salaa* atasali mu gihe yali mu minsi y imihango cg iy ibisanza.
4. Kuva kw amaraso y imihango (*Hedhi*) ni hagati y iminsi itatu kugeza icumi. Niba izava munsi y iminsi itatu, ibyo bibarwa ko atali *Hedhi*. bisaba ko umuntu yoga akishyira *Tahara* no gukomeza gusali.
5. Igihe imihango imara iranyuranye kuli buli mugore. Iminsi ibarwa uhereye ku isaha ubona ayo maraso kugeza ku munsi wa kibili kuli ya saha. Urugero niba wabonye amaraso saa tatu mu gitondo, ku munsi ukurikiraho kuri ya saha ubwo nisaa tatu ubwo ubara ko ari umunsi umwe.
6. Umugore asabwa kwoga no gukomeza gukora ibada ze akimara kubona ko amaraso atakiza n ibimenyetso ni ugukama kwa maraso cg kuzana amazi yera asa n umweru w amata.
7. Niba igihe cy imihango (*hedhi*) cyarenze nturenze iminsi icumi niba ari igihe cya *Nifaas* nturenze iminsi mirongwine, nyuma taho bisaba ko yoga akagira *Tahara* agakomeza ibada ze.
8. Abagore bazi igihe cy iminsi y imihango yabo ni ingahe basabwa ko bategereza iminsi ibili (amasaha 48), niba amaraso akomeje kuva, cg umunsi umwe (amasaha 24) niba amazi yururenda akomeje kuza, mbere y uko yoga. Urugero, niba umugore amara iminsi itandatu mu mihangye, asabwa ko yoga nyuma y iminsi umunani niyo amaraso yakomeje kuva cg ku munsi wa karindwi niba ururenda rwakomeje kuza. Ku bagore bagira imihindagulikire y iminsi y imihango bakulikire amabwiriza bahawe (hejuruku inomero ya 7).



9. Niba hali ibisohoka mbere yo kuva kw amaraso y imihango (*Hedhi*) ntabwo ari *Hedhi*.
10. Niba hali ibisohoka nyuma yuko amaraso y imihango yakamye mu masaha 24 biba ari *Hedhi*. muri iki gihe cy amasaha 24 nubona ibimenyetso ko amaraso yakamye ihutire kwoga.
11. Amaraso babona abana bato (munsi y imyaka 8) n abagore bacuze batakigira iminsi y imihango ntabwo bifatwa ko ari imihango (*hedhi*). Ntibasabwa kwoga ahubwo barisukura no gukomeza gusali.
12. Abagore iyo bashatse kwoga nyuma ya *Hedhi* cg *Nifaas* basabwa guhambura imisatsi yabo niba ziboshye kugirango yemeze ko yogejwe neza n amazi niba yageze neza ku ruhu rwo ku umutwe. Ariko iyo umugore ari kwoga *Janaba* ntabwo ari ngombwa ahambure imisatsi, yemeze gusa ko amazi yageze ku ruhu rwo ku mutwe.
